

<p><b>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° ..... RYO KU WA ..... RIGENGA URWEGO RW'UMUVUNYI</b></p>	<p><b>DRAFT LAW N° ..... OF ..... GOVERNING THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN</b></p>	<p><b>PROJET DE LOI N° ..... DU ..... RÉGISSANT L'OFFICE DE L'OMBUDSMAN</b></p>
<p><b>ISOBANURAMPAMVU</b></p>	<p><b>EXPLANATORY NOTE</b></p>	<p><b>EXPOSÉ DES MOTIFS</b></p>
<p><b>1. Intangiriro</b></p>	<p><b>1. Introduction</b></p>	<p><b>1. Introduction</b></p>
<p>Urwego rw'Umuvunyi ni urwego ruteganywa mu ngingo ya 139 y'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015. Rugengwa n'Itegeko n° 76/2013 ryo ku wa 11/9/2013 rigena inshingano, ububasha, imiterere n'imikorere by'Urwego rw'Umuvunyi.</p>	<p>The office of the Ombudsman is an organ provided for by Article 139 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015. It is governed by Law n° 76/2013 of 11/9/2013 determining the responsibilities, powers, organization and functioning of the Office of Ombudsman.</p>	<p>L'Office de l'Ombudsman est un organe qui est prévu par l'article 139 de la Constitution de la République du Rwanda 2003 révisée en 2015. Il est régi par la Loi n° 76/2013 du 11/9/2013 déterminant les missions, compétence, organisation et fonctionnement de l'Office de l'Ombudsman.</p>
<p>Mu mahame ateganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda harimo iry'uko inzego z'ubutegetsi bwa Leta zitandukanye, zigenga ariko zuzuzanya. Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda kandi, mu yandi mahame remezo, riteganya ko Leta y'u Rwanda yiyemeje kugendera ku ihame ryo gushaka buri gihe umuti w'ibibazo binyuze mu nzira y'ibiganiro n'ubwumvikane busesuye.</p>	<p>Among the principles stated by the Constitution of the Republic of Rwanda, there exists the principle of separation of powers, independence of institutions but complementary to each other. The Constitution also provides, among other fundamental principles, that the Government of the Republic of Rwanda is committed to constantly quest for solutions through dialogue and consensus.</p>	<p>Parmi les principes consacrés par la Constitution de la République du Rwanda figure celui en vertu duquel les pouvoirs de l'État sont séparés et indépendants l'un de l'autre mais sont complémentaires. La Constitution de la République du Rwanda, prévoit en outre, parmi tant d'autres principes fondamentaux, que l'État rwandais s'engage à se conformer au principe de la recherche constante de solutions par la voie du dialogue et du consensus.</p>
<p>Gutandukana kw'inzego byumvikanisha ko buri rwego rwa Leta rugomba kugira</p>	<p>Separation of institutions is a clear indication that each institution must have</p>	<p>La séparation des pouvoirs signifie que chaque organe de l'État doit avoir les</p>

<p>inshingano zarwo zihariye ariko ntibirubuze gutahiriza umugozi umwe n'izindi nzego mu kubaka igihugu.</p> <p>Kuva rwashyirwaho, Urwego rw'Umuvunyi rugendera ku ihame ryo gukorana n'izindi nzego, rutivanga mu mikorere yazo ya buri muni, bityo rukirinda gufata ibyemezo mu mwanya wazo. Uko urwo rwego rugenda rushinga imizi mu gushyira mu bikorwa inshingano zarwo ni na ko hatekerezwa uburyo rwavugururwa, kandi bikagira impamvu bishingiraho.</p>	<p>its own specific responsibilities but it does not prohibit such an institution from complementing with each other in nation building.</p> <p>Since its establishment, the Office of the Ombudsman is based on the principle of collaboration with other Organs, not interfering in their daily functioning and therefore must refrain from taking decisions on their behalf. The more the Office gets firm in executing its responsibilities, the more its reform is thought of and which must have justifications.</p>	<p>attributions qui, bien que spécifiques, ne l'épargnent pas à apporter sa pierre à l'édifice de la construction du pays, autant que d'autres institutions.</p> <p>Dès sa création, l'Office de l'Ombudsman se conforme au principe de la collaboration avec d'autres institutions sans s'immiscer dans leur fonctionnement quotidien, et par là, il se garde de prendre les décisions à leur place. Au fur et à mesure que l'Office se consolide dans la réalisation de sa mission, autant fait cogiter la nécessité de sa réforme et ce, sur base des raisons fondées.</p>
<p><b>2. Impamvu z'ivugururwa ry'itegeko ryariho</b></p>	<p><b>2. Reasons for amendment of the existing law</b></p>	<p><b>2. Motifs de la réforme de la loi en vigueur</b></p>
<p><b>2.1. Urwego rwari rwarahawe inshingano zari kuba zarahawe izindi nzego, iyo ziza kuba ziriho cyangwa zikwiye guhabwa izindi nzego zisanzweho</b></p>	<p><b>2.1. The Office was given excess powers meant for other organs if they were in existence or that such responsibilities need to be given to other existing organs</b></p>	<p><b>2.1. L'Office avait des attributions qui auraient pu avoir été données à d'autres institutions, si elles existaient, ou celles relevant du domaine d'autres institutions existantes</b></p>
<p>Mu gihe Urwego rw'Umuvunyi rwashyirwagaho ndetse n'uko ibihe byagiye byigira imbere, rwahawe inshingano zari kuba zarahawe izindi nzego, iyo ziza kuba ziriho. Aha havugwa nk'inshingano yo guhuza umuturage n'inzego z'ubutegetsi za Leta n'izigenga,</p>	<p>By the time the Office of the Ombudsman was established and as time went on, it was given responsibilities that were supposed to be given to other organs if they existed. In this respect, one would mention the responsibility of acting as a link between the citizen and public and private</p>	<p>À sa création et au cours du temps, l'Office s'est vu attribué des attributions qui auraient pu avoir été données à d'autres institutions, si elles celles-ci avaient été en existence. On peut citer à ce titre, les attributions de servir de liaison entre le citoyen et les institutions publiques et</p>

<p>kugira uruhare mu guteza imbere ubuyobozi bwiza, gukangurira abaturage gufatanya n'inzego za Leta n'iz'abikorera kubaka igihugu no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko ryerekeye kubona amakuru zari zarahawe Urwego rw'Umuvunyi kuko nta rwego rwariho rwari rufite ku ikubitiro imiyoborere myiza mu nshingano zarwo. Nk'uko byumvikana, izo nshingano zikwiye gusigara mu bubasha bw'Urwego rw'Igihugu rushinzwe Imiyoborere (RGB). Urundi rugero ni inshingano yo kwerekana amategeko abangamiye imikorere myiza y'inzego za Leta cyangwa abaturage ikwiye guharirwa Komisiyo y'u Rwanda Ishinzwe ivugururwa ry'Amategeko (RLRC) kuko ari yo ifite inshingano yo gusesengura amategeko y'u Rwanda no gutanga inama ku nzego bireba.</p>	<p>institutions, participating in promotion of good governance, encouraging the public to collaborate with public and private institutions in nation building and to monitor the implementation of the law on access to information which were given to the Office of the Ombudsman since there existed no any other organ that had good governance in its responsibilities. As it is clear, such responsibilities need to be in the powers of Rwanda Governance Board (RGB). Another example is the identification of laws that prejudice the effective performance of public institutions or members of the public which would otherwise be given to Rwanda Law Reform Commission (RLRC) since the Commission has in its responsibilities the analysis of Rwandan laws and to provide views to respective authorities on their amendments.</p>	<p>privées, contribuer au renforcement de la bonne gouvernance, sensibiliser la population à collaborer avec les services publics et privés en vue de bâtir le pays et faire le suivi de la mise en application de la loi relative à l'accès à l'information qui ont été données à l'Office de l'Ombudsman suite à l'absence d'un organe qui avait au premier chef la bonne gouvernance dans ses attributions. Il est sans conteste que ces attributions ne devraient relever que du domaine de compétence réservé à l'Office Rwandais de la Gouvernance (RGB). Un autre exemple est celui de l'attribution d'indiquer les dispositions légales qui vont à l'encontre du bon fonctionnement des organes de l'État ou des intérêts de la population qui reste le domaine exclusif de la Commission Rwandaise de la Réforme du Droit (RLRC) vu que c'est à cette Commission que l'attribution d'analyser les lois du Rwanda et faire des recommandations aux institutions concernées a été donnée.</p>
<p>Hagamijwe ubwuzuzanye bw'inzego, kudatanyanya ubushobozi no guhuriza ku rwego rumwe rwihariye inshingano zifitanye isano, ububasha bwo gufata no gufunga, kugenza ibyaha no gukurikirana ababikekwaho, kugaruza umutungo wa Leta ndetse n'ubwo kurangiza imanza bwari bwarahawe Urwego rw'Umuvunyi</p>	<p>For purposes of institutional complementarity, capacity building and to allocating similar responsibilities to a particular organ, the power to arrest and detain, conducting investigations and prosecuting suspects, recovery of government assets as well as the power to execute judgements that were given to the</p>	<p>En vue de complémentarité, centralisation des capacités et de concentration des attributions similaires à une seule et unique institution, les pouvoirs d'arrêter, emprisonner, faire des investigations, poursuivre les présumés coupables, le recouvrement des biens infractionnels et celui de l'exécution des jugements qui</p>

<p>bukwiye guhabwa inzego zishinzwe ubugenzacyaha n'ubushinjacyaha, ari zo Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha n'Ubushinjacyaha Bukuru n'inzego zishinzwe kurangiza imanza no kugaruza umutungo wa Leta. Muri uwo murongo, kugaruza umutungo byakurikiranwa n'Ubushinjacyaha Bukuru, bufatira umutungo, mu gihe cy'iperereza, bushinganisha umutungo mu gihe cyo gutanga ikirego mu rukiko, bunagaragaza icyifuzo cyabwo ku iherezo ry'umutungo wafatiriwe, nk'uko biteganywa n'amategeko (Itegeko n° 027/2019 ryo ku wa 19/09/2019 ryerekeye imiburandishirize y'imanza z'inshinjabyaha n'Itegeko n° 42/2014 ryo ku wa 27/01/2015 rigenga igaruriza ry'umutungo ufitaneye isano n'icyaha).</p>	<p>Office of the Ombudsman need to be given to the organs responsible for investigation and prosecution namely Rwanda Investigation Bureau (RIB), National Public Prosecution Authority (NPPA) and the organs responsible for judgement execution and public asset recovery respectively. It is in that line that the government asset recovery must be a responsibility of the National Prosecution Authority through which it may seize the assets during investigations, put assets under surety during the period of filing the case in the court and to provide its proposal on the destiny of the seized property in accordance with the law (the Law n° 027/2019 of 19/09/2019 relating to the criminal procedure and the Law n° 42/2014 of 27/01/2015 governing recovery of offence-related assets).</p>	<p>avaient été donnés à l'Office de l'Ombudsman méritent d'être mutés au organes ayant l'investigation et la poursuite judiciaire dans leurs attributions, en l'occurrence l'Office Rwandais d'Investigation et l'Organe National de Poursuite judiciaire et des organes chargés de l'exécution des jugements. À cet égard, le recouvrement des biens infractionnels devrait être assumé par l'Organe National de Poursuite judiciaire procédant à la saisie lors des investigations, requérant la mise sous caution ou en garantie des biens lors de la saisine des juridictions et en incluant dans son réquisitoire sa proposition quant à l'affectation des biens saisis (la Loi n° 027/2019 du 19/09/2019 portant procédure pénale et la Loi n° 42/2014 du 27/01/2015 portant recouvrement des biens infractionnels).</p>
<p>Mu murongo w'ubwuzuzanye bw'inzego umaze kuvugwa, Urwego rw'Umuvunyi rwashyirahamwe gusa ububasha bwo gushakisha amakuru ku ikorwa by'ibyaha by'akarengane na ruswa kugira ngo ruyashyikirize Urwego rw'Igihugu rushinzwe Ubugenzacyaha n'Ubushinjacyaha Bukuru ziyakenerye mu gukurikirana ibyaha, imbere y'inkiko, nk'inzego zibifite mu nshingano.</p>	<p>For purposes of complementarity with other organs as mentioned, the Office of the Ombudsman may retain only the powers to gather information on commission of injustice and corruption related offences in order to submit it to Rwanda investigation Bureau and the National Prosecution Authority for purposes of prosecution before courts as organs that have them in their responsibilities.</p>	<p>Dans l'optique de complémentarité ci-haut évoquée, l'Office de l'Ombudsman ne garderait que le pouvoir de rechercher des informations sur la commission des infractions en rapport avec l'injustice et la corruption pour les communiquer à l'Office Rwandais d'Investigation et à l'Organe National de Poursuite judiciaire qui en ont besoin aux fins de poursuites devant les juridictions, en tant que les institutions qui en ont la mission.</p>

<p><b>2.2. Guhuza Itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi n'amavugururwa yakorewe andi mategeko</b></p> <p>U Rwanda nk'igihugu kirangwa n'iterambere ryihuta, ntiruhwema gukora amavugururwa mu ngeri zinyuranye, harimo n'ayo mu rwego rw'amategeko. Muri uwo murongo, hari amategeko yashyizweho yagize ingaruka ku byari byarateganyijwe n'Itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi.</p> <p><b>2.2.1. Ububasha bwo gusubirishamo urubanza</b></p> <p>Hakurikijwe itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi ryariho, Urwego rw'Umuvunyi rwari rwarahawe ububasha bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza rwaciwe ku rwego rwa nyuma, mu gihe hakigaragaramo akarengane. Iryo tegeko ryateganyaga ko iryo suzuma n'isubiramo bikorwa hakurikijwe ibiteganywa mu Itegeko Ngenga rigenga imiterere, imikorere n'ububasha by'Urukiko rw'Ikirenga. Bitewe n'uko iri tegeko ngenga ryakuweho, itegeko rigenga urwego rw'Umuvunyi ryavugururwa hateganywa ko Urwego rufite ububasha</p>	<p><b>2.2. Aligning the Law governing the Office of the Ombudsman with reforms of other laws</b></p> <p>Rwanda as a country characterized by rapid development has never left any stone unturned in initiating reforms in various fields including legal reforms. It is in that regard that there are various laws that were enacted and affected matters addressed by the Law governing the Office of the Ombudsman.</p> <p><b>2.2.1. Powers to apply for case review</b></p> <p>Basing on the existing Law governing the Office of the Ombudsman, the Office of the Ombudsman was given powers to request the Supreme Court to review any judgement rendered at the last instance, in case of any injustice. The Law provided that such a review would be conducted in accordance with the Organic Law determining the organization, functioning and jurisdiction of the Supreme Court. Due to the fact that this Organic Law was repealed, the Law governing the Office of the Ombudsman requires amendment as well to indicate that the Office of the Ombudsman has powers to apply to the</p>	<p><b>2.2. Harmoniser la loi régissant l'Office de l'Ombudsman avec des réformes qui ont été faites aux autres lois en vigueur</b></p> <p>Le Rwanda, en tant que pays caractérisé par un développement accéléré, ne cesse de faire des réformes dans les divers domaines, incluant celui de la législation. Dans cette orientation, il y a des lois qui ont été instituées et ont eu une incidence sur les dispositions de la loi régissant l'Office de l'Ombudsman.</p> <p><b>2.2.1. Compétence de demander la révision d'un jugement</b></p> <p>Conformément aux dispositions de la loi régissant l'Office de l'Ombudsman, l'Office de l'Ombudsman avait la compétence de demander à la Cour Suprême d'examiner et de réviser une décision judiciaire rendue en dernier ressort en cas de persistance d'une injustice. Cette loi prévoit que cet examen et la révision se font conformément à la loi organique portant organisation, fonctionnement et compétence de la Cour Suprême. Vu que cette loi organique a été abrogée, la loi régissant l'Office de l'Ombudsman devrait être revue en prévoyant que l'Office a la compétence de</p>
---	--	--

<p>bwo gusaba Urukiko rw'Ikirenga gusuzuma no gusubiramo urubanza, hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko abigenga.</p> <p><b>2.2.2. Kugeza ku Nteko Ishinga Amategeko raporo y'ibikorwa na gahunda y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi</b></p> <p>Itegeko ryariho ryateganyaga ko abashyikirijwe raporo y'ibikorwa na gahunda z'ibikorwa by'Urwego bagira icyo bayikoraho mu gihe kitarenze amezi atandatu (6). Ku bijyanye n'Inteko Ishinga Amategeko, iryo tegeko ryanyuranyaga n'Itegeko Ngenga n° 006/2018.OL ryo ku wa 08/09/2018 rigena imikorere y'Umutwe w'Abadepite kuko ryo, mu ngingo ya 56 riteganyaga ko icyo gihe cy'amezi atandatu (6) ari igihabwa Komisiyo ya Politiki, Uburinganire n'Ubwuzuzanye bw'Abagabo n'Abagore mu iterambere ry'Igihugu kugira ngo iyisuzume mbere yo kugeza indi raporo ijyanye na yo ku Nteko Rusange y'Umutwe w'Abadepite. Iryo tegeko Ngenga ni ryo rikwiye guharirwa kugena igihe Inteko Ishinga Amategeko isesenguriramo raporo y'Urwego rw'Umuvunyi kugira ngo iyifateho imyanzuro ishyikirizwa Guverinoma.</p>	<p>Supreme Court for case review in accordance with applicable laws.</p> <p><b>2.2.2. Presentation of the activity report and plan of action of the Office of the Ombudsman to the Parliament</b></p> <p>The existing law stated that those who receive the activity report and plan of action of the Office are required take action in a period not exceeding six (6) months. In reference to the Parliament, this law contradicted the Organic Law n° 006/2018.OL of 08/09/2018 determining the functioning of the Chamber of Deputies because the latter, in Article 56 provides that such a period of six (6) months is provided to the Standing Committee on Political and Gender Equality in National Development in order to examine the report before it presents another related report to the General Assembly of the Chamber of Deputies. The organic Law deserves to be the right instrument to determine the period to examine the report of the Office of the Ombudsman and take action in order to submit it to the Cabinet.</p>	<p>demander à la cour Suprême d'examiner et de réviser une décision judiciaire, conformément aux dispositions légales en la matière.</p> <p><b>2.2.2. Présentation au Parlement du rapport d'activités et du plan d'action de l'Office</b></p> <p>La loi qui était en vigueur prévoyait que les destinataires du rapport en émettent des avis endéans six (6) mois. En ce qui concerne le Parlement, cette loi n'était pas en harmonie avec la Loi Organique n° 006/2018.OL du 08/09/2018 portant fonctionnement de la Chambre des Députés vu que celle-ci, en son article 56, dispose que ce délai de six (6) mois est celui accordé à la Commission Politique et de la Promotion du Genre pour l'examen du rapport avant la présentation d'un autre rapport y relatif devant l'Assemblée Générale de la Chambre des Députés. C'est à cette loi organique que doit être laissé la fixation du délai dans lequel le Parlement examine le rapport de l'Office de l'Ombudsman pour la prise des recommandations destinées au Gouvernement.</p>
---	--	--

<p>Bitewe n’uko iryo tegeko Ngenza riteganywa ko raporo y’ibikorwa na gahunda y’ibikorwa bigezwa ku Nteko Ishinga Amategeko kandi Inteko Ishinga Amategeko ikaba ikorera ibikorwa byayo mu ruhame, bityo bigatangarizwa rubanda gutyo, inshingano yo gutangaza iyo raporo yahabwaga Urwego rw’Umuvunyi yakurwaho. Ahubwo, mu rwego rwo kugira ngo Urwego rw’Umuvunyi rube umusemburo w’impinduka zikwiye, uyu mushinga w’itegeko uraruha ububasha bwo gukurikirana ikibazo cyihariye rwasanga ari ngombwa rukagikorera raporo ku nzego rwasanga ari ngombwa.</p>	<p>Due to the fact that the Organic Law provides that the activity report and the plan of action are submitted to the Parliament and that the Parliament operates in public and its decisions are declared to the public in the same manner, and therefore the responsibility to present such a report that was given to the Office of the Ombudsman needs to be transferred. Instead for the Office of the Ombudsman to be a suitable catalyst, the needed reforms, this new draft law empowers the Office to identify any issue it considers necessary and submits a report thereof to any organ it considers relevant.</p>	<p>Vu que cette loi organique prévoit que le rapport d’activités et le plan d’action sont présentés au Parlement et vu le caractère public des activités du Parlement qui les rend par ce fait même accessibles au public, l’obligation qu’avait l’Office de l’Ombudsman de rendre public ce rapport doit être levée. Au contraire, dans le but de rendre l’Office de l’Ombudsman le levier des changements qui s’imposent, le présent projet de loi lui donne la compétence d’examiner un cas particulier dont l’examen peut s’avérer nécessaire et d’en faire un rapport aux instances qu’il juge nécessaires.</p>
<p><b>2.2.3. Koroshya umuhango wo kurahira k’Umuvunyi Mukuru n’Abavunyi bungirije</b></p> <p>Kurahirira imbere ya Perezida wa Repbulika, hari Inteko Ishinga Amategeko ntibigendanye neza n’intambwe yihuse u Rwanda rwiyeje kugenderaho. Kubera izo mpamvu, hagendewe ku rugero rwiza ruri mu ngingo ya 118 y’Itegeko Nshinga rya Repbulika y’u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, hakwiye guteganywa gusa ko mbere yo gutangira imirimo bashinzwe, Umuvunyi Mukuru n’Abavunyi Bungirije</p>	<p><b>2.2.3. Easing the swearing in ceremony of the Ombudsman and Deputy Ombudsmans</b></p> <p>Swearing in before the President of the Republic and in presence of the Parliament does not suit to the current vision to which Rwanda is committed. Having said that, based on provisions of Article 118 of the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, there is need to state that before taking office, the Ombudsman and the Deputy Ombudsmen are sworn in public before the President of the Republic.</p>	<p><b>2.2.3. Faciliter la procédure de prestation de serment de l’Ombudsman et des Ombudsmans adjoints</b></p> <p>La prestation de serment devant le Président de la République, en présence du Parlement ne cadre pas harmonieusement avec la marche accélérée que le Rwanda s’est engagé à suivre. Ainsi, en s’inspirant du bon exemple se trouvant dans l’article 118 de la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, il convient de ne prévoir qu’avant leur entrée en fonctions, l’Ombudsman et les Ombudsmans adjoints prêtent serment</p>

<p>barahirira mu ruhamwe imbere ya Perezida wa Repubilika.</p> <p><b>2.3. Ibindi byerekezo bishya by'uyu mushinga w'itegeko</b></p> <p><b>2.3.1. Gukemura ibibazo byashyikirijwe inzego, harenganyurwa uwarenganyijwe, aho guhana uwakoze amakosa gusa</b></p> <p>Hagamijwe kurenganura uwarenganyijwe, uyu mushinga w'itegeko uteganya ko Urwego rw'Umuvunyi rufite ububasha bwo gushakisha amakuru ku bikorwa byose by'akarengane no gukurikirana ikemurwa ryabyo kugeza birangiye, aho guhana uwakoze amakosa gusa.</p> <p><b>2.3.2. Kubahiriza ihame ry'uko utarahamwa n'icyaha afatwa nk'umwera n'iry'uko abarebwa n'ibintu bimwe bafatwa kimwe</b></p> <p>Bitewe n'uko uko umukozi wa Leta ahagarikwa ku mirimo atari kimwe n'uko uwo mu rwego rwigenga ayihagarikwaho, ububasha bwo gusabira ukurikiranyweho icyaha cya ruswa guhagarikwa ku mirimo bwari bwarahawe Urwego rw'Umuvunyi bwakuweho kugira ngo hubahirizwe amahame y'uko umuntu utarahamwa</p>	<p><b>2.3. Other new ideas in this Draft Law</b></p> <p><b>2.3.1. Resolution of complaints submitted to institutions in quest of justice instead of punishing the offender only</b></p> <p>For purposes of justice, this draft law empowers the Office of the Ombudsman to gather information on any injustice related acts and to make a follow up until they are resolved.</p> <p><b>2.3.2. Compliance with the principles of presumption of innocence and equal treatment</b></p> <p>Due to the fact that the procedure through which a public servant is suspended from duties is different from how a worker in a private institution is suspended, the power that was entrusted to the Office of the Ombudsman of requesting the employer to suspend a person suspected of corruption was removed from the law in order to</p>	<p>publiquement devant le Président de la République.</p> <p><b>2.3. D'autres orientations nouvelles du présent projet de loi</b></p> <p><b>2.3.1. Résoudre les plaintes soumises aux institutions en faisant droit à une personne objet d'injustice, au lieu de se limiter à sanctionner le fautif</b></p> <p>Dans le but de faire droit à une personne ayant subi l'injustice, le présent projet de loi prévoit que l'Office de l'Ombudsman est compétent pour rechercher des informations sur tous les actes d'injustice et de faire le suivi de leur résolution, au lieu de se limiter à sanctionner le fautif.</p> <p><b>2.3.2. Respect du principe de la présomption d'innocence et celui du traitement équitable</b></p> <p>Vu que la procédure de suspension d'un agent de l'État n'est pas identique à celle de suspension d'un employé d'un organe privé, la compétence de l'Office de l'Ombudsman de requérir la suspension à l'encontre d'une personne poursuivie pour l'infraction de corruption a été retirée aux fins du respect du principe de présomption</p>
--	--	--



<p>n'icyaba afatwa nk'umwere n'uko abarebwa n'ibintu bimwe bafatwa kimwe.</p>	<p>comply with the principle of presumption of innocence and the principle of equal treatment.</p>	<p>d'innocence et celui du traitement équitable.</p>
<p><b>2.3.3. Gusobanura neza uruhare ry'Urwego rw'Umuvunyi mu kubaka umuryango nyarwanda uzira akarengane na ruswa</b></p>	<p><b>2.3.3. Redefining the role of the Office of the Ombudsman in building a Rwandan society free from injustice and corruption</b></p>	<p><b>2.3.3. Redéfinir le rôle que doit jouer l'Office de l'Ombudsman pour bâtir une société rwandaise exempte d'injustice et de corruption</b></p>
<p>Urwego rw'Umuvunyi ntirukwiye kugaragara gusa nk'urwita ku ikemurwa ry'ibibazo by'akarengane na ruswa biriho. Ahubwo, rukwiye guhabwa inshingano ituma hakumirwa akarengane na ruswa kandi ishingiyeye ku ndangagaciro zikwiye guhora ziranga Abanyarwanda. Muri uwo murongo, uyu mushinga w'itegeko, mu cyerekezo gishya, uha Urwego rw'Umuvunyi inshingano yo gutoya Abanyarwanda indangagaciro zo kwanga, gukumira, kwirinda no kurwanya akarengane na ruswa, mu rwego rwo gutegura ejo haza heza.</p>	<p>The Office of the Ombudsman should not only be seen as addressing the issues of injustice and corruption. Instead, it should be given the task of preventing injustice and corruption based on the values that characterize Rwandans. In this line, the law, in a new direction, gives the Office of the Ombudsman the responsibility to train Rwandans on the values of rejection, prevention and combating injustice and corruption in order to build a better future.</p>	<p>L'Office de l'Ombudsman ne doit pas paraître pour un organe œuvrant seulement pour la résolution des questions d'injustice et de corruption existantes. Au contraire, il doit avoir une obligation permettant de prévenir l'injustice et la corruption tout en s'appuyant sur les valeurs qui doivent toujours caractériser les Rwandais. Dans cette optique, le présent projet de loi, s'inscrivant dans une orientation nouvelle, donne à l'Office de l'Ombudsman l'obligation d'inculquer aux Rwandais les valeurs de résistance, prévention, abstention et de lutte contre l'injustice et la corruption, afin de prévoir un avenir meilleur.</p>
<p><b>2.3.4. Kureka ibintu byihariye bikagengwa n'amategeko yihariye abigenga</b></p>	<p><b>2.3.4. Allow special matters to be governed by special laws</b></p>	<p><b>2.3.4. Réserver les matières spécifiques aux lois spéciales</b></p>
<p>Bitewe n'uko itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi ryashyizweho nk'itegeko</p>	<p>Since the existing law governs the Office, it should not include particular provisions</p>	<p>Vu que la loi régissant l'Office de l'Ombudsman a été instituée en tant qu'une</p>

<p>rigomba kugenga urwego ntirikwiye gushyirwamo ibintu byihariye bikwiye kugengwa n'amategeko yihariye. icyo kibazo kirareba ibyerekeranye n'imenyekanishamutungo n'imyitwarire y'abayobozi bikwiye kutongera gushyirwa mu itegeko rigenga Urwego rw'Umuvunyi ahubwo bikagengwa n'amategeko yihariye.</p>	<p>that should be governed by special laws. This issue concerns the declaration of assets and conduct of officials which need not be addressed by the law that governs the Office of the Ombudsman and instead to be governed by particular laws.</p>	<p>loi devant régir un organe, elle ne doit pas comprendre des matières spécifiques qui doivent plutôt faire l'objet des lois spécifiques. Cette préoccupation concerne la déclaration des biens et le code de conduite des autorités qui ne plaident plus pour leur inclusion dans la loi régissant l'Office de l'Ombudsman mais plutôt pour des législations spécifiques.</p>
<p><b>2.4. Gukosora ibyari bigoramyeye</b></p>	<p><b>2.4. Improving on the imperfections</b></p>	<p><b>2.4. Rectifier des situations irrationnelles</b></p>
<ul style="list-style-type: none"> <li>- Ishyirwaho ry'Umunyamabanga Uhoraho w'Urwego rw'Umuvunyi ntirikwiye kubanza gusabwa kuko riri mu bubasha Perezida wa Repubulika ahabwa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, mu ngingo ya 112.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- The appointment of the Permanent Secretary need not be subject to prior request by the Office of the Ombudsman since it is in the powers of the President of the Republic of Rwanda as specified in article 112 of the Constitution.</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Il ne convient pas que la nomination du Secrétaire Permanent de l'Office de l'Ombudsman soit soumise à une requête préalable vu qu'elle rentre dans le domaine des pouvoirs du Président de la République reconnus par la Constitution de la République du Rwanda, en son article 112.</li> </ul>
<ul style="list-style-type: none"> <li>- Mu rwego rwo kunoza imiyoborere y'Urwego, Inama y'Abavunyi yitwa Biro y'Urwego muri uyu mushinga w'Itegeko si yo ikwiye kugena inshingano z'Abavunyi bungirije. Uyu mushinga w'itegeko uteganya ko buri Muvunyi wungirije ashira mu bikorwa</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- In regard to improving the management of the Office of the Ombudsman, the Council of ombudsmans namely the Bureau of the Office in this draft law need not determine the responsibilities of the Deputy Ombudsmans. This draft law provides that each Deputy Ombudsman executes his or her</li> </ul>	<ul style="list-style-type: none"> <li>- Dans le but de perfectionner l'administration de l'Office de l'Ombudsman, il ne convient pas que la désignation des attributions des Ombudsmans adjoints soit confiée au Conseil des Ombudsmans dénommé le Bureau de l'Office dans le présent projet de loi. Le présent projet de loi prévoit</li> </ul>

<p>inshingano ze hashingiwe ku mwanya yashyizwemo.</p> <p><b>2.5. Ibindi byuho bigomba kuzibwa</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- Itegeko ryariho ryateganyaga ko Abavunyi bungirije basimbura Umuvunyi Mukuru, iyo adahari, hakurikijwe uko bakurikirana mu ishyirwaho ryabo ariko ntiryagarazaga icyakorwa mu gihe ibyo bidatanga igisubizo. Uyu mushinga w’itegeko uteganyaga ko amategeko ngengamikorere y’Urwego ateganyaga uko iryo simbura rikorwa”, mu rwego rwo koroshya imicungire myiza y’Urwego rw’Umuvunyi.</li> <li>- Itegeko ryariho ntiryateganyaga uko Perezida wa Repubulika amenyeshwa hakiri kare ko Abavunyi bagiye kurangiza manda zabo. Bityo, mu rwego rw’imikoranire myiza, uyu mushinga w’itegeko uteganyaga ko ” iyo</li> </ul>	<p>own responsibilities depending on his or her appointment.</p> <p><b>2.5. Other gaps that need to be addressed by this draft law</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- The existing law provided that the Deputy Ombudsmans replace the Ombudsman in case of his or her absence irrespective of their order of appointment but failed to provide any leeway in case that procedure fails. This law provides, on the other hand, that the internal rules and regulations of the Office of the Ombudsman determines the procedure through which the Ombudsman is replaced in the context of easing the smooth conduct of duties of the Office of the ombudsman.</li> <li>- The existing law fails to provide for how the President of the Republic is notified as early as possible of the fact that the ombudsman are about to complete their terms of office. This new draft law, on the hand, in the context of good working</li> </ul>	<p>que chaque Ombudsman adjoint s’acquitte de ses attributions sur base du poste auquel il est nommé.</p> <p><b>2.5. D’autres lacunes à combler</b></p> <ul style="list-style-type: none"> <li>- La loi en vigueur prévoyait que les Ombudsmans adjoints remplacent l’Ombudsman en cas de son absence selon leur ordre de nomination mais était lacunaire quant à ce qui pourrait se faire au cas où cette solution se révèle insuffisante. Le présent projet de loi prévoit que le règlement d’ordre intérieur de l’Office détermine les modalités de ce remplacement, dans le but de faciliter la bonne gestion de l’Office de l’Ombudsman.</li> <li>- La loi en vigueur était silencieuse quant au point de savoir comment le Président de la République est informé à temps que les Ombudsmans sont prêts de terminer leurs mandats. Ainsi, aux fins d’une bonne collaboration, le présent</li> </ul>
--	---	---

<p>ugize Biro y’Urwego agiye kurangiza manda, Umuvunyi Mukuru abimenyeshya, mu nyandiko, Perezida wa Repbulika hasigaye nibura amezi atatu (3) ngo iyo manda irangire”.</p> <p>- Itegeko ryariho ntiryateganyaga uko byagenda mu gihe urwego rwashyikirijwe n’Urwego rw’Umuvunyi ikibazo cy’akarengane rwinangiye ntirugisuzume. Uyu mushinga w’itegeko uteganywa ko iyo bibaye bityo ikibazo gishyikirizwa urwego rwisumbuye ku rutaragikemuye cyangwa kigashyikirizwa urwego rureberera izo zombi, mu gihe zose zitagikemuye.</p> <p><b>3. Imiterere y’uyu mushinga w’itegeko</b></p> <p>Uyu mushinga w’itegeko ugabanyijwe mu mitwe iteye ku buryo bukurikira:</p>	<p>relations provides that: “In case a member of the Bureau of Office is about to complete his or her term of office, the Ombudsman notifies the President of the Republic of at least three (3) months before the expiry of the term of office.</p> <p>- Also, the law fails to provide for what would happen in case an institution that received an injustice related complaint from the Office of the Ombudsman and failed to examine it. On the contrary, this draft law provides that in such a case the complaint is submitted to a superior institution in reference to the institution that failed to resolve the issue, or to the supervising authority of both organs in case all institutions failed to resolve the issue.</p> <p><b>3. Structure of this draft Law</b></p> <p>This draft Law is divided into the following Chapters:</p>	<p>projet de loi prévoit que “lorsqu’il y a un membre du Bureau de l’Office qui approche la fin du mandat, l’Ombudsman en informe le Président de la République par écrit au moins trois (3) mois avant l’expiration du mandat.”</p> <p>- La loi en vigueur était silencieuse quant au point de ce qui pourrait advenir lorsque l’organe auquel l’Office de l’Ombudsman a soumis une plainte d’injustice résiste quant à son examen. Pour ce cas, le présent projet de loi prévoit que l’Office en informe l’autorité immédiatement supérieure ou, à leur autorité de tutelle, en cas de défaillance des deux organes.</p> <p><b>3. Structure du présent projet de loi</b></p> <p>Le présent projet de loi est subdivisé en chapitres structurés de la manière suivante :</p>
---	---	---

<p><b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b></p>
<p>Uyu mutwe ukubiyemo icyo itegeko rigamije, icyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi n'ubwigenge bwarwo.</p>	<p>This Chapter is composed of the provisions on the purpose of the Law, head office of the Office of the Ombudsman and its independence.</p>	<p>Ce chapitre comprend l'objet de la loi, le siège de l'Office de l'Ombudsman ainsi que son indépendance.</p>
<p><b><u>UMUTWE II: INSHINGANO N'UBUBASHA BY'URWEGO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE OFFICE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS ET COMPÉTENCES DE L'OFFICE</u></b></p>
<p>Uyu mutwe ukubiyemo inshingano z'Urwego n'ububasha bwarwo.</p>	<p>This Chapter is composed of the responsibilities of the Office of the ombudsman and its powers.</p>	<p>Ce chapitre comprend les attributions de l'Office et ses compétences.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA III: IMITERERE N'IMIKORERE BY'URWEGO</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER III: ORGANIZATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L'OFFICE</u></b></p>
<p>Uyu mutwe ukubiyemo inzego zigize Urwego ari zo Biro y'Urwego n'Ubunyamabanga Buhoraho, inshingano zazo, imikorere n'imikoranire yazo n'izindi nzego, abazigize, inshingano zabo, ishyirwaho n'ivanwa ku mirimo byabo.</p>	<p>This chapter is composed of the organs that make up the Office of the Ombudsman namely the Bureau of the Office and the Permanent Secretariat and their functioning and other organs, their composition, their responsibilities, their appointment and dismissal.</p>	<p>Ce chapitre comprend les organes de l'Office, à savoir le Bureau de l'Office et le Secrétariat Permanent, leurs attributions, le fonctionnement et la collaboration avec d'autres organes ainsi que la composition, les attributions, la nomination et la cessation de fonctions de leurs membres.</p>
<p><b><u>UMUTWE WA IV: INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA</u></b></p>	<p><b><u>CHAPTER IV: NATIONAL ADVISORY COUNCIL FOR THE FIGHT AGAINST INJUSTICE AND CORRUPTION</u></b></p>	<p><b><u>CHAPITRE IV : CONSEIL CONSULTATIF NATIONAL DE LUTTE CONTRE L'INJUSTICE ET LA CORRUPTION</u></b></p>
<p>Uyu mutwe wihariye ku ishyirwaho, imiterere n'imikorere by'Inama</p>	<p>This chapter is particular on appointment, nature, and functioning of the Advisory</p>	<p>Ce chapitre est uniquement réservé à la création, l'organisation et le</p>

<p>Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa.</p>	<p>Council for the fight against injustice and corruption.</p>	<p>fonctionnement du Conseil Consultatif National de lutte contre l'injustice et la corruption.</p>
<p><b>UMUTWE WA V: UMUTUNGO N'IMARI BY'URWEGO</b></p>	<p><b>CHAPTER V: PROPERTY AND FINANCES OF THE OFFICE</b></p>	<p><b>CHAPITRE V: PATRIMOINE ET FINANCES DE L'OFFICE</b></p>
<p>Uyu mutwe ugaragaza inkomoko y'umutungo n'imari by'Urwego, imikoreshereze, imicungire n'igenzura byabyo.</p>	<p>This Chapter indicates the source of property and finances of the Office of the Ombudsman, their use, management and audit.</p>	<p>Ce chapitre indique la source du patrimoine et des finances de l'Office ainsi que leur utilisation, gestion et audit.</p>
<p><b>UMUTWE WA VI: INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</b></p>	<p><b>CHAPTER VI: MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</b></p>	<p><b>CHAPITRE VI: DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</b></p>
<p>By'umwihariko, uyu mutwe ugaragaza uko, ku muni w'itangazwa ry'iri tegeko mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, hazabarwa manda y'Abavunyi bungirije bari basanganywe manda y'imyaka ine (4) yongerewe ikaba itanu (5) ishobora kongerwa inshuro imwe. Uyu mushinga w'itegeko uteganya ko manda yabo ibarwa uherye igihe bagiriye mu mirimo.</p>	<p>In particular, this Chapter indicates how, from the day of publication of this law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, the term of office of the incumbent Deputy ombudsmans with a four (4) years once renewable term of office currently fixed to a five (5) years once renewable term of office will be determined. This draft law provides that their term of office will be counted from the date of their respective appointment.</p>	<p>De manière spécifique, ce chapitre clarifie, les modalités de détermination du mandat des Ombudsmans adjoints qui, au jour de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, seront en fonctions alors qu'ils avaient été nommés pour un mandat de quatre ans (4) qui été porté à cinq (5) ans renouvelable une fois. Le présent projet de loi prévoit que leur mandat commence à courir à compter du jour de leurs nominations respectives.</p>

<p><b>UMUSHINGA W'ITEGEKO N° ..... RYO KU WA ..... RIGENGA URWEGO RW'UMUVUNYI</b></p>	<p><b>DRAFT LAW N° ..... OF ..... GOVERNING THE OFFICE OF THE OMBUDSMAN</b></p>	<p><b>PROJET DE LOI N° ..... DU ..... RÉGISSANT L'OFFICE DE L'OMBUDSMAN</b></p>
---	---	---

<b><u>ISHAKIRO</u></b>	<b><u>TABLE OF CONTENTS</u></b>	<b><u>TABLE DES MATIÈRES</u></b>
<b><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></b>	<b><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></b>	<b><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></b>
<b><u>Ingingo ya mberere: Icyo iri tegeko rigamije</u></b>	<b><u>Article One: Purpose of this Law</u></b>	<b><u>Article premier: Objet de la présente loi</u></b>
<b><u>Ingingo ya 2: Icyicaro cy’Urwego</u></b>	<b><u>Article 2: Headquarters of the Office</u></b>	<b><u>Article 2: Siège de l’Office</u></b>
<b><u>Ingingo ya 3: Ubwigenge bw’Urwego</u></b>	<b><u>Article 3: Independence of the Office</u></b>	<b><u>Article 3: Indépendance de l’Office</u></b>
<b><u>UMUTWE II: INSHINGANO N’UBUBASHA BY’URWEGO</u></b>	<b><u>CHAPTER II: RESPONSIBILITIES AND POWERS OF THE OFFICE</u></b>	<b><u>CHAPITRE II: ATTRIBUTIONS ET COMPÉTENCES DE L’OFFICE</u></b>
<b><u>Ingingo ya 4: Inshingano z’Urwego</u></b>	<b><u>Article 4: Responsibilities of the Office</u></b>	<b><u>Article 4: Attributions de l’Office</u></b>
<b><u>Ingingo ya 5: Ububasha bw’Urwego</u></b>	<b><u>Article 5: Powers of the Office</u></b>	<b><u>Article 5: Compétences de l’Office</u></b>
<b><u>UMUTWE WA III: IMITERERE N’IMIKORERE BY’URWEGO</u></b>	<b><u>CHAPTER III: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF THE OFFICE</u></b>	<b><u>CHAPITRE III: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE L’OFFICE</u></b>
<b><u>Icyiciro cya mberere: Imiterere y’Urwego</u></b>	<b><u>Section One: Organisation of the Office</u></b>	<b><u>Section première: Organisation de l’Office</u></b>
<b><u>Ingingo ya 6: Inzego zigize Urwego</u></b>	<b><u>Article 6: Organs of the Office</u></b>	<b><u>Article 6: Organes de l’Office</u></b>
<b><u>Akiciro ka mberere: Biro y’Urwego</u></b>	<b><u>Sub-section One: Bureau of the Office</u></b>	<b><u>Sous-section première: Bureau de l’Office</u></b>
<b><u>Ingingo ya 7: Biro y’Urwego</u></b>	<b><u>Article 7: Bureau of the Office</u></b>	<b><u>Article 7: Bureau de l’Office</u></b>
<b><u>Ingingo ya 8: Abagize Biro y’Urwego</u></b>		<b><u>Article 8: Membres du Bureau de l’Office</u></b>

<p><b><u>Ingingo ya 9:</u> Uko Umuvunyi Mukuru n’Umuvunyi wungirije bashyirwaho</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 10:</u> Ibyo Umuvunyi Mukuru n’Umuvunyi wungirije bagomba kuba bujuje</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 11:</u> Kurahira k’Umuvunyi Mukuru n’Umuvunyi wungirije</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 12:</u> Umushahara n’ibindi bigenerwa Umuvunyi Mukuru n’Umuvunyi wungirije</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 13:</u> Kuva ku murimo k’Umuvunyi Mukuru cyangwa Umuvunyi wungirije</b></p> <p><b><u>Akiciro ka 2:</u> Ubunyamabanga Buhoraho</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 14:</u> Ubunyamabanga Buhoraho bw’Urwego</b></p> <p><b><u>Ingingo ya 15:</u> Ishyirwaho ry’abagize Ubunyamabanga Buhoraho</b></p> <p><b><u>Icyiciro cya 2:</u> Imikorere y’Urwego</b></p> <p><b><u>Akiciro ka mbere:</u> Ishyirwa mu bikorwa ry’inshingano z’abagize Biro y’Urwego</b></p>	<p><b><u>Article 8:</u> Members of the Bureau of the Office</b></p> <p><b><u>Article 9:</u> Modalities for the appointment of Ombudsman and Deputy Ombudsman</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Requirements for the Ombudsman and Deputy Ombudsman</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Taking Oath of the Ombudsman and Deputy Ombudsman</b></p> <p><b><u>Article 12:</u> Salary and fringe benefits allocated to the Ombudsman and to Deputy Ombudsman</b></p> <p><b><u>Article 13:</u> Cessation of duties of the Ombudsman or Deputy Ombudsman</b></p> <p><b><u>Sub-section 2:</u> Permanent Secretariat</b></p> <p><b><u>Article 14:</u> Permanent Secretariat of the Office</b></p> <p><b><u>Article 15:</u> Appointment of members of the Permanent Secretariat</b></p> <p><b><u>Section 2:</u> Functioning of the Office</b></p> <p><b><u>Sub-section One:</u> Performance of duties by members of the Bureau of Office</b></p>	<p><b><u>Article 9:</u> Modalités de nomination d’un Ombudsman et d’un Ombudsman Adjoint</b></p> <p><b><u>Article 10:</u> Conditions requises pour être Ombudsman et Ombudsman Adjoint</b></p> <p><b><u>Article 11:</u> Prestation de serment de l’Ombudsman et de l’Ombudsman Adjoint</b></p> <p><b><u>Article 12:</u> Salaire et avantages alloués à l’Ombudsman et à l’Ombudsman Adjoint</b></p> <p><b><u>Article 13:</u> Cessation des fonctions de l’Ombudsman ou de l’Ombudsman Adjoint</b></p> <p><b><u>Sous-Section 2:</u> Secrétariat Permanent</b></p> <p><b><u>Article 14:</u> Secrétariat Permanent de l’Office</b></p> <p><b><u>Article 15:</u> Nomination des membres du Secrétariat Permanent</b></p> <p><b><u>Section 2:</u> Fonctionnement de l’Office</b></p> <p><b><u>Sous-Section première:</u> Exercice des fonctions des membres du Bureau de</b></p>
---	--	---



<p><b><u>Ingingo ya 16:</u></b> Inshingano za Biro y’Urwego</p> <p><b><u>Ingingo ya 17:</u></b> Uko ibyemezo bya Biro y’Urwego bifatwa</p> <p><b><u>Ingingo ya 18:</u></b> Inshingano z’Umuvunyi Mukuru</p> <p><b><u>Ingingo ya 19:</u></b> Inshingano z’Abavunyi bungirije</p> <p><b><u>Akicro ka 2:</u></b> Imikorere y’Ubunyamabanga Buhoraho</p> <p><b><u>Ingingo ya 20:</u></b> Inshingano z’Umunyamabanga Uhoraho w’Urwego</p> <p><b><u>Akicro ka 3:</u></b> Imikoranire n’izindi nzego</p> <p><b><u>Ingingo ya 21:</u></b> Imikoranire n’izindi nzego</p> <p><b><u>Ingingo ya 22:</u></b> Raporo na gahunda y’ibikorwa</p> <p><b><u>UMUTWE WA IV:</u></b> INAMA NGISHWANAMA YO KURWANYA AKARENGANE NA RUSWA</p>	<p><b><u>Article 16:</u></b> Responsibilities of the Bureau of the Office</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Modalities for decision-making by the Bureau of the Office</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Responsibilities of the Ombudsman</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> Responsibilities of Deputy Ombudsmans</p> <p><b><u>Sub-section 2:</u></b> Functioning of the Permanent Secretariat</p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Responsibilities of the Permanent Secretary of the Office</p> <p><b><u>Sub-section 3:</u></b> Collaboration with other institutions</p> <p><b><u>Article 21:</u></b> Collaboration with other institutions</p> <p><b><u>Article 22:</u></b> Reports and action plan</p> <p><b><u>CHAPTER IV:</u></b> NATIONAL ADVISORY COUNCIL FOR THE FIGHT AGAINST INJUSTICE AND CORRUPTION</p>	<p><b><u>l’Office</u></b></p> <p><b><u>Article 16:</u></b> Attributions du Bureau de l’Office</p> <p><b><u>Article 17:</u></b> Modalités de prise de décisions du Bureau de l’Office</p> <p><b><u>Article 18:</u></b> Attributions de l’Ombudsman</p> <p><b><u>Article 19:</u></b> Attributions des Ombudsmans Adjoints</p> <p><b><u>Sous-section 2:</u></b> Fonctionnement du Secrétariat Permanent</p> <p><b><u>Article 20:</u></b> Attributions du Secrétaire Permanent de l’Office</p> <p><b><u>Sous-Section 3:</u></b> Collaboration avec les autres institutions</p> <p><b><u>Article 21:</u></b> Collaboration avec les autres institutions</p> <p><b><u>Article 22:</u></b> Rapports et plan d’action</p> <p><b><u>CHAPITRE IV:</u></b> CONSEIL CONSULTATIF NATIONAL DE LUTTE CONTRE L’INJUSTICE ET LA CORRUPTION</p>
--	---	---

<p><b><u>Ingingo ya 23:</u></b> Ishyirwaho, imiterere n'imikorere by'Inama Ngishwanama yo kurwanya akarengane na ruswa</p>	<p><b><u>Article 23:</u></b> Establishment, organisation and functioning of the National Advisory Council for the fight against injustice and corruption</p>	<p><b><u>Article 23:</u></b> Création, organisation et fonctionnement du Conseil Consultatif National de lutte contre l'injustice et la corruption</p>
<p><b><u>UMUTWE WA V:</u></b> UMUTUNGO N'IMARI BY'URWEGO</p>	<p><b><u>CHAPTER V:</u></b> PROPERTY AND FINANCES OF THE OFFICE</p>	<p><b><u>CHAPITRE V:</u></b> PATRIMOINE ET FINANCES DE L'OFFICE</p>
<p><b><u>Ingingo ya 24:</u></b> Inkomoko y'umutungo n'imari by'Urwego</p>	<p><b><u>Article 24:</u></b> Sources of the property and finances of the Office</p>	<p><b><u>Article 24:</u></b> Sources du patrimoine et des finances de l'Office</p>
<p><b><u>Ingingo ya 25:</u></b> Imikoreshereze, imicungire n'igenzura by'umutungo n'imari</p>	<p><b><u>Article 25:</u></b> Use, management and audit of property and finances</p>	<p><b><u>Article 25:</u></b> Utilisation, gestion et audit du patrimoine et des finances</p>
<p><b><u>UMUTWE WA VI:</u></b> INGINGO ZINYURANYE, IZ'INZIBACYUHO N'IZISOZA</p>	<p><b><u>CHAPTER VI:</u></b> MISCELLANEOUS, TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS</p>	<p><b><u>CHAPITRE VI:</u></b> DISPOSITIONS DIVERSES, TRANSITOIRES ET FINALES</p>
<p><b><u>Ingingo ya 26:</u></b> Gukurikirana Umuvunyi Mukuru n'Abavunyi Bungirije</p>	<p><b><u>Article 26:</u></b> Prosecution of the Ombudsman and Deputy Ombudsmans</p>	<p><b><u>Article 26:</u></b> Poursuite de l'Ombudsman et des Ombudsmans Adjoints</p>
<p><b><u>Ingingo ya 27:</u></b> Amategeko ngengamikorere y'Urwego</p>	<p><b><u>Article 27:</u></b> Internal rules and regulations of the Office</p>	<p><b><u>Article 27:</u></b> Règlement d'ordre intérieur de l'Office</p>
<p><b><u>Ingingo ya 28:</u></b> Manda y'Umuvunyi n'iy'Abavunyi bungirije bari mu mirimo</p>	<p><b><u>Article 28:</u></b> Term of office for incumbent Ombudsman and Deputy Ombudsmans</p>	<p><b><u>Article 28:</u></b> Mandat de l'Ombudsman et des Ombudsmans Adjoints en exercice</p>
<p><b><u>Ingingo ya 29:</u></b> Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko</p>	<p><b><u>Article 29:</u></b> Drafting, consideration and adoption of this Law</p>	<p><b><u>Article 29:</u></b> Initiation, examen et adoption de la présente loi</p>
